# Indwara z'ibanze n'ibyonnyi

| Indwara / Ibyonnyi | Ibimenyetso | Wayirwanya ute? | Ibipimo bikoreshwa k'umuti |
|---|---|---|---|
| **Ububembe bw' imyumbati** |  -Amababi ata ireme, akikunjakunja.<br>-Umwumbati ukura nabi, ntabwo ushora. | -Tera ingeri zitarwaye zivuye ku myumbati y'indobanure<br>-Randura imyumbati yose irwaye, uyitabe mu cyobo kirekire ku buryo ubutaka buri hejuru bugira cm 50.<br>-Simburanya neza imyaka mu murima, Imyumbati ntisimbura indi mu murima.<br>-Koresha ibikoresho bitakoreshejwe mu mirima irwaye cg ubanze ubicishe k'umuriro mu gihe cy'iminota ibiri (2 min) | - |
| **Kabore** |  -Ibara ry'umuhondo ku mitsi y'amababi, ariko ntabwo yikunjakunja.<br>-Ububore bw'ikigina ku bijumba kandi bukomeye. | -Tera ingeri zitarwaye zavuye ku myumbati y'indobanure<br>-Randura imyumbati yose irwaye, ubitabe mu cyobo kirekire ku buryo ubutaka buri hejuru bugira cm 50.<br>-Irinde kwinjiza mu gace kawe imyumbati ivuye mu duce twagaragayemo Kabore.<br>-Koresha ibikoresho bitakoreshejwe mu mirima irwaye cg ubanze ubicishe ku muriro mu gihe cy'iminota ibiri (2 min) | - |
| **Kirabiranya y' imyumbati** |  Amababi araraba, akamera nk'ayasutsweho amazi ashyushye | -Tera ubwoko bw' imyumbati bwihanganira iyi ndwara<br>-Simburanya neza ibihingwa mu murima.<br>-Randura ibiti birwaye, ubitaba mu cyobo kirekire ku buryo ubutaka buri hejuru bugira cm 50.<br>-Koresha ibikoresho bitakoreshejwe mu mirima irwaye cg ubanze ubicishe k'umuriro mu gihe cy'iminota ibiri (2 min). | - |
| **Utumatirizi** |  Utumatirizi ku mababi akiri mato no ku mitwe yoroshye,igiti gikura buhoro,ingingo zikaba ngufi kandi igiti kikagorama gihereye ahafashwe | -Terera igihe<br>-Tera ingeri zitarwaye zivuye ku myumbati y'indobanure<br>-Inika ingeri mu mazi ashyushye ku kigero cya 60°C mu gihe cy'iminota 20, mbere yo kuzitera.<br>-Randura ibiti by'imyumbati byarwaye, ubitabe mu cyobo kirekire ku buryo ubutaka buri hejuru bugira cm 50. | - |